

## **IMYANZURO Y'INTEKO RUSANGE YA XXI YA RALGA**

### **YATERANYE KUWA 14/05/2016 KURI SERENA HOTEL KIGALI**

Kuwa 14 Gicurasi 2016 mu cyumba cy'inama cya Hoteli Serena Kigali hateraniye inama y'Inteko Rusange ya 21 y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujiyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA), iyobowe na Cllr KANGWAGYE Justus, Umuyobozi wa RALGA. Iyo nama yibanke by'umwihariko ku matora y'abagize inzego z'ubuyobozi bwa RALGA. Yitabiriwe n'Abanyamuryango ba RALGA ndetse n'abahagarariye bimwe mu bigo n'inzego zikorana nayo.

Inteko rusange yabanje kwemeza ingingo zari ku murongo w'ibyigwa arizo:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inteko Rusange yo kuwa 31/07/2015
2. Ikiganiro ku nshingano, imiterere n' inzego za RALGA
3. Ibyagezweho mu myaka itanu ishize
4. Amakuru kuri LGI na ASSETIP
5. Gutora abagize Komite Nyobozi, Komite Ngenzuzi na Komite Nkemurampaka
6. Rapor y'ibikorwa n'imikoreshereze y'ingengo y'imari mu mwaka wa 2015-2016
7. Rapor ya Komite Ngenzuzi
8. Gahunda y'Ibikorwa n'Ingengo y'Imari by'umwaka wa 2016-2017
9. Gushimira abari muri Biro z'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Uturere n'Umujiyi wa Kigali basoje manda

Nyuma yo kuganira kuri izo ngingo zose imwe ku yindi, Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira:

1. Inteko Rusange ya RALGA yemeje inyandikomvugo y'inama y'Inteko Rusange yo kuwa 31 Nyakanga 2015 kandi ishima uko imyanzuro yashyizwe mu bikorwa;
2. Inteko Rusange yashimiye byimazeyo Komite Nyobozi, Komite Ngenzuzi, Komite Ngengamyitwarire na Komisiyo zicyuye igihe kubera ubwitange bagaragaje mu guteza imbere Ishyirahamwe RALGA buzuza neza Inshingano bari baratorewe;
3. Inteko Rusange yemeje raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'imari ya RALGA mu mwaka wa 2015-2016;
4. Inteko Rusange yemeje gahunda y' ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka wa 2016-2017;
5. Inteko Rusange yemeje raporo yagejejweho na Komite Ngenzuzi, kandi inasaba ko inama yatanze zubahirizwa bidatinze;



6. Inteko Rusange yasabye inzego bireba zose kwihutisha itangizwa ry'ibikorwa bya LGI;
7. Inteko Rusange yasabye abanyamuryango ba RALGA kwitabira gukorana na LGI, bakayishyigikira bishyurira abakozi babo kandi bakaborohereza gukurikirana amasomo. Ni muri urwo rwego basabye LGI gukora imibare igaragaza amafaranga azajya akenerwa buri mwaka ku buryo yakongerwa ku musanzu Uturere duha RALGA, bikazatangirana n'umwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017 Inteko Rusange ya LGI imaze kubyemeza.
8. Inteko Rusange yasabye ko hashyirwaho ingamba zo kongerera ubushobozi LG Consult Ltd kugira ngo irusheho gutanga umusaruro;
9. Inteko Rusange yasabye Uturere twose n'Umujiyi wa Kigali kwitabira kuba abanyamuryango ba ASSETIP inasaba ko imikoranire yatwo nayo hajyamo no gutegura inyigo z'imishinga yo kubaka ibikorwa remezo;
10. Inteko Rusange yemeje ko amakuru ku mikorere ya ASSETIP n'ibisabwa kugirango Akarere cyangwa Umujiyi wa Kigali byemererwe kuba abnyamuryango wayo bishyirwa kuri website ya RALGA kugirango abakeneye ayo makuru bayabone byihuse;
11. Inteko Rusange yatoreye manda y'imyaka 5 abagize Komite Nyobozi mu buryo bukurikira:
  - Umuyobozi: Cllr Innocent UWIMANA
  - Umuyobozi wungirije wa mbere: Cllr Florence UWAMBAJEMARIYA
  - Umuyobozi wungirije wa kabiri: Cllr Stephen RWAMURANGWA
  - Komiseri ushinzwe kwegereza ubuyobozi abaturage: Cllr Richard GASANA
  - Komiseri ushinzwe imari y'inzego z'ibanze: Pierre Celestin HABIYAMBERE
  - Komiseri ushinzwe iterambere ry'imbereho myiza: Cllr Beatrice UWAMARIYA
  - Komiseri ushinzwe iterambere ry'ubukungu bw'Akarere: Cllr Emmanuel KARURANGA
12. Inteko Rusange yatoreye manda y'imyaka 5 abagize Komite Ngenzuzi ku buryo bukurikira:
  - Kayisime NZARAMBA, Perezida
  - James KANSIME, Ugize Komite
  - Marie Claire KANTEGWA, Ugize Komite
13. Inteko Rusange yatoreye manda y'imyaka 5 abagize Komite ishinzwe gukemura amakimbirane mu buryo bukurikira:
  - Cllr Jean Baptiste BIZIMANA
  - Cllr Jacqueline MUSEMAYIRE



- Cllr Annonciate KAMBAYIRE
  - Cllr Vincent NGARAMBE
  - Cllr Athanase RUTABINGWA
  - Cllr Marie Claire GASANGANWA
  - Cllr Patricia MUHONGERWA
  - Cllr Anastase BALINDA
  - Cllr Frederic MUTANGANA
  - Cllr Emerance AYINKAMIYE
14. Ishingiye kuri raporo ya Komite Nyobozi, Inteko Rusange yemeje Bwana Egide RUGAMBA ku mwanya w'Umunyamabanga Mukuru wa RALGA;
15. Inama y' Inteko Rusange yashimiye abashoje manda mu buyobozi bw'Inzego z'Ibanze inasaba ko mu rwego rwo kudatakaza inararibonye bafite mu mikorere yazo bahabwa amahirwe muri gahunda y'amahugurwa azajya atangwa na LGI ndetse n'ibindi bikorwa RALGA yabakeneramo.

Bikorewe i Kigali kuwa 14 Gicurasi 2016



**Faustin SERUBANZA**

Umunyamabanga Mukuru w'Agateganyo



**Justus KANGWAGYE**

Umuyobozi wa RALGA